ADRESSE :

NTAGOZERA Pierre
c/o Service Médical
KIBUNGU.

Kibungu, le 24 Novembre 1961.-

KIBUNGO
1746

Kuli Nyakubahwa GASUHUKE Philippe
Préfet de la Préfecture de et à
K I B U N G U.

Nyakubahwa,

Ndabaramutsa.-

Mbasabanye imbabazi n'icyubahiro kibakwiliriye kumva amaganya yanjye :

Hariho mukuru wanjye witwa NTAGOZERA François ex-s/chef de l'actuelle commune de Remera.- Aliwe wakuwe na Bourgmestre KAZURA Antoine (ubu ali muli Prison impamvu sinzi iy'aliyo). Ubu lero iyo commune yagabanywe n'umuntu witwa NTERARUBABANGO François (Moniteur diplômé).- Mukuru wanjye uwo navuze haruguru aliwe NTAGOZERA François ubu yalacitse ali muli Tanganyika Territory cyangwa se i Karagwe (nkurikije barua yanyandikiye). Ejo tardi 23/11/1961 numvise ko inka ze bazihaye undi muntu tutagira icyo dupfana nagito, kandi kuli tarki 3/11/1961 naboananye na Bwana Commissaire de Police CHAULAND.M. ambgira ko umunsi wo gusubiza ibintu by'abacitse bikiriho (nukuvuga inka n'ibindi)bazahamagara ababo bose munama y'abaturage bagahabwa ibibagenewe.- None rero Nyakubwahwa inka ze ngo bazihaye umuntu witwa GAKWAYA, kandi batabimenyesheje, kandi narigeze kubivugana na Conseiller Communal NTEMABUYAGA mbere yo gushyira ho Bourgmestre dufite ubu Fr.Nterarubango.- Mbasabanye icyubahiro kibakwiliye kugirango murebe ibyanjye nkuko mwifuz'amahoro mu Rwanda rwacu twese.- Mbashimiye hakiri kare kandi mbategereje igisubizo.

NTAGOZERA Pierre